No 261
Nyakanga
2025

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## KOMISIYO ZIHORAHO Z'IHURIRO ZARATERANYE MU NAMA ZAZO ZISANZWE Z'IGIHEMBWE CYA KANE

Nk'uko biteganywa n'Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro, Komisiyo Zihoraho z'Ihuriro ziterana buri mezi abiri mu nama zazo zisanzwe.



Akaba ari muri urwo rwego **Inama isanzwe ya Komisiyo ishinzwe Gahunda, ibikorwa by'Ihuriro, n'ubufatanye n'izindi Nzego**, yateranye ku wa mbere tariki ya 09/6/2025 mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro iyoborwa na Perezida wa Komisiyo, **Hon. RUTAREMARA Tito.**



**Inama isanzwe ya *Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane,*** yateranye ku wa gatanu tariki ya 11 Kamena 2025 mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro; iyoborwa na Visi Perezida wa Komisiyo, **Depite MUKAMPUNGA Epiphanie.**



**Inama isanzwe ya Komisiyo ishinzwe Itumanaho no kungurana ibitekerezo,** yateranye ku wa gatanu tariki ya 13 Kamena 2025 mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro, iyoborwa na Perezida wa Komisiyo, **Madamu NYIRANEZA Espérance.**

Izi Komisiyo zemeje gahunda zazo z'Ibikorwa mu mwaka w'ingengo y'imari 2025-2026

## INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RYIGUHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI YAGANIRIYE KURI POLITIKI Y'IGIHUGU IGENGA UMURIMO




Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye tariki ya 19 Kamena 2025, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro Depite MUKABUNANI Christine. Inama yabereye ku cyicaro cy'Ihuriro ku Kacyiru, mu Karere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.



Muri iyi nama, abayobozi b'Imitwe ya politiki bagejejweho ikiganiro kuri "**Politiki y'Igihugu igenga umurimo mu Rwanda: ibyagezweho, imbogamizi n'ingamba**"; cyatanzwe na Minisitiri w'abakozi ba Leta n'Umurimo, **Ambasaderi NKULIKIYINKA Christine.**



Muri iki kiganiro, Minisitiri w'abakozi ba Leta n'Umurimo, **Ambasaderi NKULIKIYINKA Christine,** yagaragaje ko binyuze mu cyerekezo 2050, Leta y'u Rwanda yihaye intego yo kugabanya ubushomeri ku kigero cya 7% mu mwaka wa 2035, na 5% mu mwaka 2050. Binyuze muri NST2, Leta y'u Rwanda yiyemeje kandi guhanga imirimo miliyoni 1,250,000 hagati ya 2024 na 2029 izahabwa cyane cyane urubyiruko n'abagore.

Ku birebana na politiki n'ingamba z'Igihugu zo guteza imbere umurimo mu Rwanda, Minisitiri yagaragaje ko Politiki y'umurimo yo mu 2007 yavuguruwe mu 2019 (Revised National Employment Policy). Kuvugurura iyi politiki y'umurimo byakozwe ahanini hagamijwe kuyihuza n'icyerekezo cy'Igihugu mu ihangwa ry'umurimo muri NST1.

Yakomeje avuga ko Gahunda yo kongerera Abanyarwanda ubumenyi no guteza imbere umurimo **"National Employment and Skills Development Strategy" (NESS)** yibanda ku bikorwa bifasha kugera ku ntego yo guhanga imirimo inoze kandi ibyara inyungu cyane ku rubyiruko. Iyi gahunda nayo ikaba yuzuzanya na Politiki y'Igihugu y'umurimo ariko ikaba yaranashyizweho mu rwego rwo guhuza Politiki y'umurimo na NST2.

Hashyizweho kandi Politiki y'Igihugu yo kwigira ku murimo (Workplace Learning Policy) kugira ngo ifashe abaza ku isoko ry'umurimo kubona uburyo bunoze bwo kwimenyereza umurimo. Mu mwaka wa 2016, Leta y'u Rwanda ku bufatanye n'abafatanyabikorwa batangije ubushakashatsi ku bakora n'abadakora (Labour force survey), ubu bushakashatsi bukaba bukorwa buri mezi atatu.

Minisitiri yavuze ko ku birebana n'ibipimo by'ihangwa ry'umurimo mu Rwanda, umubare w'abagejeje igihe cyo gukora wagiye wiyongera ku mpuzandengo ya 3% buri mwaka. Naho umubare w'abakora wiyongereyeho ku gipimo cya 12% nyuma ya COVID 19 (2022-2024).

Ku birebana n'**ishusho y'abafite akazi**, Minisitiri yavuze ko kuva mu mwaka wa 2017 kugeza muri 2024, abaturage bafite akazi bikubye inshuro ebyiri, bava kuri 2,959,965 bagera kuri 4,444,684. Kubera ingaruka z'Icyorezo cya COVID 19, abantu bakoraga baragabanutse mu mwaka wa 2021.

Ku birebana no **guhanga imirimo y'urubyiruko**, hagaragajwe ko mu mirimo mishya yahanzwe kuva mu mwaka wa 2017-2024, iy'urubyiruko ingana na 1,466,233 bingana na 85%.

**Gahunda zafashije mu guteza imbere**

**ihangwa ry'imirimo**
Minisitiri yagaragaje ko mu rwego rwo guteza imbere ihangwa ry'imirimo, hagiyeho gahunda zinyuranye, zigizwemo uruhare n'abafatanyabikorwa banyuranye. Muri izo gahunda, harimo izi zikurikira:

1.Guteza imbere ubumenyi bukenewe ku isoko ry'umurimo binyuze mu kwigira ku murimo (Gahunda ya Igira ku murimo / Workplace learning)

Kuva iyi gahunda yatangira kugeza mu mwaka wa 2024, abasaga 103,228 bamaze kunyura muri gahunda zitandukanye zo kwigira ku murimo. Isuzuma ryakozwe mu mwaka wa 2023/2024 rikaba ryaragaragaje ko abagera kuri 70% bari muri gahunda ya Igira ku murimo babonye akazi mu gihe cy'amezi atandatu.

Ikindi ni uko hashyizweho Udukiriro (Integrated Crafts Production Centres-ICPCs) hagamijwe kongerera ingano n'ubwiza bw'ibikorerwa mu Rwanda, ibi bikaba byarafashije mu kongerera ubumenyi ba Rwiyemezamirimo byongera n'umuco wo gukorera hamwe. Abakorera mu Dukiriro bafashwa kubona ibikoresho n'imashini hagamijwe kuzamura umusaruro no kunoza ibyo bakora.
Mu rwego rwo kurushaho kwagura ibikorwa by'abakora ubucuruzi mu Rwanda, muri buri Murenge hashyizwe Abajyanama babiri bafasha kwiga imishinga no kubigisha uburyo bwo kuyicunga. Ibi bigamije kandi gukomeza gufasha abakora ubucuruzi buto n'imishinga mito kubona ubumenyi ndetse no gukorana n'ibigo by'imari bigafasha kongera ingano n'ubwiza bw'ibyo bakora.

2.Gufasha imishinga y'urubyiruko kubona igishoro

Hashyizweho gahunda zo guhemba ba Rwiyemezamirimo bato, bafite imishinga ihanga udushya. Zimwe muri izo gahunda ni '*YouthConnekt Awards, Aguka Project, Hanga Pitchfest, Recovery Fund, Ecobrigade*' n'izindi.
Ku mikoranire hagati y'Imbuto Foundation na Minisiteri y'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi, hari gutezwa imbere ubuhanzi muri Gahunda ya **ArtRwanda-Ubuhanzi**. Iyi Gahunda ikaba yubaka ubushobozi no gutera inkunga imishinga y'ubuhanzi y'ibigo cyangwa abahanzi ku giti cyabo. Muri iyi gahunda hateganyijwe miliyoni 300,000,000Frw.
Minisitiri yagaragaje kandi ko Ikigega cyihariye cyitwa 'Business Development Fund/BDF) cyoroherezamo urubyiruko n'Abagore ibi bikurikira:
.Kubona amahugurwa yerekeranye n'uburyo bwo gutegura imishinga no gukora ubucuruzi buboneye;
.Kubona igishoro n'ibikoresho bibafasha kongera ingano n'agaciro mu byo bakora;
.Kubona ingwate n'igishoro mubigo by'imari aho bunganirwa kubona ingwate kugeza kuri 75%.

3.Gahunda yo guhanga imirimo ku rubyiruko binyuze muri gahunda ya "Community Approach" / Youth in Road Maintenance Program

Iyi gahunda yibanda cyane ku itunganywa ry'imihanda, bikozwe n'urubyiruko; bityo rukabibonamo akazi. Ni gahunda irimo kwagurwa no mu bindi bikorwa bitari imihanda (Scale Up). Kugeza ubu Ibigo (companies) by'urubyiruko bigera kuri 154 bishyira mu bikorwa iyi gahunda mu Turere dutandukanye. Urubyiruko rurenga 15,000 rumaze kubona akazi binyuze muri iyi gahunda. Ikindi ni uko urubyiruko rugera kuri 467 (engineers, technicians and accountants) ari abashoramari muri ibyo bigo (Companies).

4.Indi mishinga ifasha urubyiruko kubona igishoro

Minisitiri wa MIFOTRA yagaragaje indi mishinga ifasha urubyiruko kubona igishoro, irimo

.Youth Recovery Fund (2020): Iki ni Ikigega cyashyizwemo 790,000,000Frw. Kikaba cyarafashije imishinga 156 y'urubyiruko kuzahuka nyuma yo kugirwaho ingaruka n'icyorezo cya Covid 19;

.Imari Agribusiness Challenges, yagiyeho mu mwaka wa 2023, yafashije imishinga 12 y'urubyiruko kubona 164,000,000Frw;

.Kigali Start up Festival / CHOGAM, yagiyeho mu mwaka wa 2022, yafashije imishinga 6 y'urubyiruko kubona 83,600,000Frw;

.Aguka Ideation Programme, yagiyeho mu mwaka wa 2022-2023, yafashije imishinga 200 y'urubyiruko kubona 675,000,000Frw;

.Renewable Energy Project, yafashije imishinga 42 y'urubyiruko kubona 66,521,645Frw.

Nanone muri gahunda yo gufasha urubyiruko kubona igishoro, Minisitiri yagaragaje ko mu mwaka wa 2023-2024, **Rwanda Innovation Fund** imaze gushora miliyoni 11.6 z'amadolari y'Amerika mu mishinga 14. Hakaba hateganyijwe n'izindi miliyoni 20 z'amadolari y'Amerika zigomba gushorwa mu yindi mishinga. Naho guhera mu mwaka wa 2018, imishinga ifite udushya 200 (innovative startups) yabonye igishoro cy'amafaranga arenga miliyari 7.6 by'amafaranga y'u Rwanda. Hari n'andi mafaranga agenda akusanywa ku bufatanye bwa Leta y'u Rwanda n'abandi bafatanyabikorwa (urugero Banki y'Isi).

5.Gukangurira urubyiruko kwibumbira mu makoperative no kubaka ubushobozi bwayo

Ikigo cy'Igihugu cy'amakoperative kigaragaza ko kuva mu mwaka wa 2019- 2024, hashinzwe amakoperative mashya y'urubyiruko 351 afite abanyamuryango 12,205, akaba afite imigabane ifite agaciro ka 578,779,471 Frw. Umubare w'urubyiruko rwafunguje amakonti mu makoperative yo kubitsa no kugurizanya SACCOs wari 793,865 mu mwaka wa 2017, naho mu mwaka wa 2022, ugera ku 991,363.

6.Guhuza abatanga akazi n'abagashaka

Hashyizweho ikoranabuhanga rifasha mu guhuza abatanga akazi n'abagashaka (Kora Job Portal Matching platform). Abantu 18,988 bashaka akazi biyandikishije kuri Koraportal, Ibigo 252 byanditse muri Sisiteme ya Kora Portal, Amatangazo atanga akazi 9,551 yashyizwe muri iryo koranabuhanga.

**Imbogamizi zigaragara mu birebana no guteza imbere umurimo mu Rwanda**
Minisitiri yagaragaje ko, ku isoko ry'umurimo hagaragara umubare munini w'abantu baza kuri iryo soko buri mwaka, bagera ku bihunbi magana abiri (200,000), mu gihe amahirwe yo kubona umurimo aba ari macye.
Hari kandi ubumenyi bucye ku bashaka umurimo ndetse n'umuco wo kwihangira imirimo no guhanga udushya utaratera imbere. Indi mbogamizi ni uko bamwe mu baza ku isoko ry'umurimo baba bakeneye kongererwa ubumenyi kugira ngo bahuze ibyo bize mu ishuri n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo.

**Ingamba zafashwe:**
.Gushyira imbaraga muri gahunda yo kwigira ku murimo, abakoresha bakaba baragaragaje ubushake bwo gutanga amahirwe yo kwimenyereza umurimo ku rubyiruko rugera ku 4,986, kandi uwo mubare ukazakomeza kuzamuka;
.Gushyira ihangwa ry'umurimo no kwigira ku murimo mu igenamigambi ry'Inzego;
.Gushyiraho uburyo bwo kugabanya umubare w'imishinga ipfa itaramara umwaka;
.Gushyigikira gahunda zigamije guha akazi abantu benshi.

## AMAHUGURWA KU MICUNGIRE Y'IMBUGA ZA INTERINETI Z'IMITWE YA POLITIKI N'UBURYO ZAKORESHWA NEZA MU KUMENYEKANISHA IBIKORWA BY'IMITWE YA POLITIKI N'IBY'IGIHUGU MURI RUSANGE



Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, ryateguye amahugurwa y'iminsi ine (4) yibanze ku micungire y'imbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki n'uburyo zakoreshwa neza mu kumenyekanisha ibikorwa by'Imitwe ya Politiki n'iby'Igihugu muri rusange. Amahugurwa yitabiriwe n'abashinzwe gucunga imbuga za interineti z'Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro; akaba yarabereye mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro, ku matariki ya 5-6 Kamena 2025, no ku ya 12-13 Kamena 2025.

Aya mahugurwa yari agamije muri rusange kongerera ubumenyi n'ubushobozi abashinzwe gucunga imbuga za interineti mu Mitwe ya Politiki, kugira ngo bashobore kuzikoresha neza, bazishyiraho amakuru y'ibikorwa by'Umutwe wa Politiki n'amakuru kuri Gahunda z'Igihugu.

Aya mahugurwa yatangijwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, **Bwana GISAGARA Théoneste**.